*They that can give up essential liberty to obtain a little temporary safety deserve neither liberty nor safety.*
Benjamin FRANKLIN

# IJAMBO

Nº 41 Fax : (250) 7 6574 Tél 7 2695 B.P. 2154 KIGALI Cpte BCR 25 222/02 Avecom

100 Fr *HANGIMANA Fr. Xavier : Rédacteur en Chef* *Tél. : 7 4886*

"Give me liberty, or give me death"
*Patrick HENRY*



*Aho kunigwa n'ijambo uzanigwe n'umwo uribwiye*

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1313 Kigali
RWANDA

01242

## Muri Kaminuza y'u Rwanda ikigo cy'i Butare bahangayikishijwe n'imipanga n'inkota.

# Minisitiri NKUNDABAGENZI muri Kanto Rubungo i Ndera.



# Ubutegetsi bw'Igitugu bukomeje gukandagira itangazamakuru buhereye mu nzira z'amategeko.

Muherutse kumva ko mu nama y'abaminisitiri hemejwe umushinga w'amabwiriza ya Perezida wa Repubulika ashyiraho imiterere y'ikarita y'ubunyamakuru. Iyo nama yanemeje umubare w'abagize Inama y'Igihugu y'Itangazamakuru : 9.

Biriya byemezo ntibijyanye na demokarasi. Muri demokarasi, umushinga w'amabwiriza ujyana no kugisha inama ku barebana n'icyo kibazo. Rero Minisiteri y'Itangazamakuru yagombaga gutumira abanyamakuru bakiga uwo mushinga.

Ikindi kibabaje cyane ni uko ayo mabwiriza afuditse. Itegeko n° 54/91 ryo kuwa 15 ugushyingo 1991 rikurikizwa guhera muri Gashyantare 1992 mu itangazamakuru rivuga mu ngingo yaryo ya 31 ko :

*«Komisiyo y'Igihugu y'Itangazamakuru igizwe na :*

*— kimwe cya gatatu ni abatowe muri ba nyir'ibinyamakuru;*

*— bibiri bya gatatu ni abatowe mu banyamakuru».*

*None seko bashyizeho ba nyir'ibinyamakuru 3, mu Rwanda hari ibinyamakuru 9 ? Ese amatora yabaye ryari ?*

*Nguku uko abategetsi bacu bazambya ibintu mu itangazamakuru, bikaba birutwa n'uko Minisiteri iba itaragiyeho.*

*Ku ruhande rwanjye ndarikira abanyamakuru ngo bibuke ko hari urukiko rw'inama ya Leta rusuzuma ubujurire bwo gukuraho amabwiriza, amateka n'ibyemezo byafashwe n'abategetsi (al. 2, art. 8[?] Constitution); kandi twese twibuke ko inkiko zikurikiza amateka n'andi mabwiriza gusa igihe atanyuranije n'itegeko n'andi mategeko (art. 9[?] Constitution).*

*HANGIMANA Fr. Xavier*

# I Butare
# Inkota n'imipanga muri Kaminuza

Hashize ibyumweru birenga bibiri abanyeshuri biga muri Kaminuza mu kigo cy'i Butare batagoheka. Ubwoba bwarabasabye kubera imyifatire y'abo basangiye umurimo wo kwiga. None se koko mwabonye umunyeshuri ushishikazwa mbere ya byose no kugura intwaro zo kurwanisha, aho kwitabira amasomo ? Ibyumba bitari bike usangamo inkota, imipanga, ubuhiri n'izindi ntwaro zihishe utapfa guhita ubona.

Ibintu bijya gucika, abatutsikazi biga muri kaminuza i Butare batangiye kujya barara hanze y'ikigo. Bwamaraga gucya bakabunguka bakaza mu masomo. Ibyo ntibyabuze gutera abahutu kwibaza nubwo dusanzwe tuzi neza ko abatutsikazi biga muri kaminuza bizihirwa n'ubusambanyi ndetse bugatuma batsinda amasomo batarushye; abanyeshuri bandi bibaza niba uwashaka gusambana atabikora habona, atagombye kuraraguza. Niyo mpamvu abahutu biyemeje gushyiraho komisiyo ishinzwe kugenzura niba abo batutsikazi bataruka bitwaje intwaro zikomeye nka biriya bisasu bategа bigaturikana abantu.

Hagati aho ariko, havutse n'ikindi kibazo cy'agasuzuguro k'abatutsi. Ubu ntibikiri amazimwe umubare w'abatutsi biga muri kaminuza uruta kure uw'abahutu. Ibyo bikabya iyo urebye abiga mu myaka ya mbere aho usanga ari 75% by'abemerewe kwiga ari abatutsi. Minisitiri CYUBAHIRO WE asobanura ubwo busumbane avuga ko abahutu bategereza ko Leta iba ha buruse, mu gihe abatutsi bo bemera kwirihira.

Birumvikana na none ko ibyo bisobanuro bitemerwa na benshi. None se byakumvikana bite ko abatutsi barangije umwaka umwe birihira bahabwa buruse ya Leta mu mwaka wa kabiri ? Ababizi neza bemeza ko ari amayeri akoreshwa na Minisitiri CYUBAHIRO kugira ngo azamure abatutsi bene wabo. Mu by'ukuri abatutsi bose bari biyandikishije bavuga ko bazirihira byari urwiyerurutso. Ayo mayeri abahutu bo ntibashobora kuyamenya.

Ikindi gikomeje gukongeza inzu, ni uko abatutsi bakubye inshuro eshatu agasuzuguro bagirira abahutu. Ni mu gihe, ubwinshi bwabo muri Kaminuza butuma bibwira ko

umuhutu wabavuga bahita bamwirenza. *Usanga birirwa bakururana, haba mu tubari, mu mihanda, mu mikino n'ahandi. Bereka kandi abahutu ko ubwoko bwabo buri hejuru y'andi moko atuye u Rwanda.*

*Imfubyi yumvira mu rusaku. Mbere yuko intambara twashojweho* n'Inyenzi-Inkotanyi itera, abenshi mu banyeshuri b'abatutsi bo muri kaminuza bakundaga kujya i Bujumbura mu kiruhuko cyo kuwa gatandatu no ku cyumweru (week-end). Ntawashidikanya ko babaga bagiye kwitoza ibya gisirikari nubwo babaga bafite impapuro z'inzira. Imyitozo ikomeye bayihabwaga mu biruhuko bikuru.

Abahutu bamaze kumenya ayo mahano, bahangayikishijwe cyane no kubona bigana n'abasirikari b'abatutsi babita abasivili. Ibyo ntawe bitatera impungenge. Burya uzi gukoresha imbunda yakorera ishyano igihe cyose ashakiye. Cyane ko aba anayitunze ku buryo butemewe n'amategeko. Na none umubare w'abatutsi ukabije kuba munini muri kaminuza watumye abahutu bongera gutekereza ku magambo yavuzwe na Perezida MOI wa Kenya ubwo Inkotanyi zari zimaze gushoza intambara mu Rwanda. Uwo mubyeyi yemeje ko abatutsi bazaroha umugabane w'Afurika mu rwobo utazikuramo. Perezida MOI yavuze ko abatutsi baba mu bihugu byinshi by'Afurika guhera mu majyaruguru (ETHIOPIE) kumanujyaruguru ra kugeza mu majyepfo, ariko bakaba abagome byabuze urugero.

Abahanga mu byerekeye amoko y'abantu bize iby'abatutsi bakomotse muri ETHIOPIYA bagakwira Afurika yose, basanga ari ba gashozantambara. Mu bihugu byose barimo usanga nta mahoro ahaba. Twavuga nka GUINEYA, SENEGALI, UBUGANDA, ZAYIRE, KENYA, UBURUNDI, TANZANIYA, NIGERI, SUDANI n'ahandi. Imvururu n'intambara bikaba, byose biterwa n'abatutsi bashaka ubutegetsi. Perezida MOI wa Kenya yatinyutse gutangariza abanyamakuru ko ababarira abahutu bo mu Rwanda no mu bindi bihugu bakomeza kugwa mu bugome bwa bene Gatutsi. *Kandi koko ni mu gihe, muri Kenya abatutsi baho ni urucantege.*

***Muri kaminuza kandi batekereza no ku bibera mu Rwanda, dore ko ari abanyabwenge. Abahutu bako*** *babazwa n'uko bene wabo baturiye* imipaka bicwa, bakavanwa mu byabo n'abatutsi barwanirira Inkotanyi maze ugasanga abatutsi bishimye, nta kibazo bafite. Ariko iyo hagize umututsi umwe upfa i KANZENZE usanga igihugu cyacitse umugongo ngo abatutsi bashize. Ubwo se ikerekana ko abatutsi bikunda aho gukunda u RWANDA rwababyaye ? Iyo umuhutu apfuye bashimira Imana, bakarya, bakanywa.

## Abahutu ntibagira ubwenge.

Tudakabije, ibibazo abatutsi batera muri kaminuza byashobora kubonerwa umuti abategetsi babihagurukiye. Ikibabaza ariko ni uko abayobozi ba kaminuza hafi ya bose barongoye abatutsikazi. Abitwa ba doyen n'ababungirije (vice-doyen) ndetse n'abungirije umuyobozi wa kaminuza batwawe n'ibizungerezi. N'ubwo ari abahutu, mu by'ukuri basigaye ari ibipampara. Niyo mpamvu usanga umuhutu arengana, bamwima amanota, bamwirukana arengana, mu gihe umututsi we ahabwa amanota ataruhiye.

Naho ku byerekeye Minisitiri CYUBAHIRO n'abandi baminisitiri b'abatutsi, ntawabura kubabazwa rwose n'uko umututsi akomeza kugaragaza ko adashobora kwitangira igihugu cyose. *Irondamoko urisanga muri Minisiteri cyangwa ibigo biyoborwa n'abatutsi gusa. Kugeza ubu umututsi warokotse ni uwitwa MULINDANGABO Ambroise. Ariko bene wabo baramuvuma.*

Igihe rero kirageze kugira ngo umuhutu akanguke. Niba wigisha muri kaminuza uri umuhutu ujye wibuka ko uha amanota y'ubuntu abatutsikazi. Ujye kandi wibuka ko uri umuhutu. Umugore wawe no kwa sobukwe si wowe bakunda. Ahubwo bakunda ayo mashuri yawe n'ayo mafaranga uhembwa. Nibamara gufata ubutegetsi uzicuza bitagifite igaruriro.

*KARAYENGA Anatole.*

N.d.l.r: Ubwoba bw'abahutu nta shingiro. Ngo "abatutsi bafite amayere" mwa bahutu mwe, ko muri 97% --mu IJAMBO N°17 naberetse ko abatutsi ari 3% ubwoba ni ubw'iki, mwe mwakwize ayo mayere "?

Niba abatutsi biga ari benshi, namwe nimurebe ikibahesha ayo "mayere" mukigane, mwige muri benshi. None se umuhutu ajye ahabwa umwanya kuko ari umuhutu ? Ni nk'aho aba ari umusabirizi. Byatuma atamenya ubwenge, ahubwo akizera ubuhutu, akarinda aba injiji.

Gusa twemere ko iringaniza ry'amoko (cyo kimwe n'ubwoko mu irangamuntu) rigomba kubaho (esprit de justice), ariko rikavanaho ikintu gisa n'ubunebwe, gituma abahutukazi bakwigarurira abakomeye, gituma abahutu bumva bafite "amayere". Kugira ngo bigerweho twibuke amagambo ya Naigiziki Xaverio: "Quand le muhutu n'aura plus une âme de serf. Il faudrait pour cela le créer une deuxième fois".

# In memoriam



NSANZABAGANWA Aloys yavukiye i Runyinya (Butare) mu 1954. Nyuma y'amashuri abanza, yize amashuri yisumbuye muri Groupe scolaire i Butare arangiza mu 1976.

Yakoreye minisiteri y'ubuzima kugeza mu 1980. nyuma ajya kwiga i Yaoundé (Cameroun). Agarutse mu 1982 yakoreye Minisiteri y'Ubuzima na none kugeza atabarutse ku ya 20.02.92.

Imana imwakirire i jabiro, ikomeze irinde umuryango asize.

# Butare I Muganza : Burugumesitiri NDAYAMBAJE Elie, uwa kane kuri risiti ya RWAMBUKA, GATETE, na KAJERIJERI.

**Ku ya 22.03.92 mu Migina (komini Kibayi) ishyaka Parti Libéral ryakoresheje mitingi yo kuboho-za akarere. Twasanze kataboshye cyane, ahubwo ahaboshye ni muri komini Muganza aho burugu-mesitiri NDAYAMBAJE Elie avugwaho kuba atoteza amashyaka (MDR na P.L.), agatonesha MRNDD.**

**Burugumesitiri wa Muganza avugwaho kuba yarazengurutse komini mu modoka, yoshya aba-turage gutemana, ngo bikurikirane n'iby'i Bugesera. Si ibyo gusa.**

**Burugumesitiri NDAYAMBAJE yihaye kuyobora ishuri (normale primaire) ahembwamo 10.000 FRW bisanga umushahara w'ububurugumesitiri. Si ibyo gusa. Abanyeshuri baraterwa amada n'abategetsi b'ishuri.**

**Mbere yo gusoma umwanzuro w'IJAMBO mubanze mwumve impumeko ya NDAYAMBAJE ub-we, nkuko twayizaniwe na IRAGUHA Augustin wari iyo ku ya 28.03.92.**

IJAMBO : Nyakubahwa Burugu-mesitiri, twumvise ko mwashatse ...ubiranishamo amoko muri ko-mini muyobora. mwabitewe n'iki ? Ikibazo cy'amoko giteye gite muri Muganza ?

*N.E. : Nyuma y'ibyabereye mu BU-GESERA, hari ubwoba hagati y'amoko ku buryo nakoresheje ama-nama yo kubahumuriza ku buryo ubu amoko yose abanye neza muri MU-GANZA. Ntabwo rero ari njyewe wa-...biranishamo amoko, ahubwo nihu-tse kubihosha.*

IJAMBO : Muvugwaho kuba mu-...reka amashyaka ngo akorere mu bwisanzure. Kuki mutareshyeshya amashyaka ? Ndetse ngo muraya-...ka ? ngo hari imbwa nkuru n'imi-...ga.

*N.E. : Biratangaje cyane kubona amashyaka yose yarakoresheje miti-ngi zikurikiranye kuva ku ya 21/01/92 kugeza ku ya 01/03/92 (M.D.R., P.S.D., P.L., M.R.N.D.) yarashimye ubutegetsi bwa komini MUGANZA uko bwitwaye neza mu mashyaka menshi, hanyuma ku wa 15/03/92 bigahinduka ngo ntoteza amashyaka yose ! Byaba byiza utote-zwa agaragaye akerekana akarengane ke, amategeko akamurenganura.*



BARAHIRA uhagarariye PL ari mu batotezwa.

IJAMBO : *Ishuri ry'i Mugombwa* ryifashe rite ? (Historique, état fi-nancier, réalisation, effectif) ?

*N.E. : Ryashinzwe n'umuryango w'ababyeyi b'i MUGOMBWA uga-mije uburezi (APAME). Ryata-ngiye ku ya 16/09/1988. Ubu rifite abana 120 kuva mu wa mbere kugeza muwa 4: muwa mbere 34, muwa kabi-ri 28, muwa gatatu 38, muwa kane 26. Hari abarimu 8 (4 b'abanyarwanda, 3 b'abazayiruwa, 1 w'umufaransa). Rikurikiza amategeko ya Leta, ndetse Leta irarizi kandi iritera inkunga hamwe n'abandi bagiraneza batuma buhoro buhoro tugenda twubaka les lo-caux dukeneye. Ibindi mukeneye ku-menya mwabibaza Dr Nsabumuku-nzi Straton, Représentant Légal de l'APAME.*

IJAMBO : Ko twumva ngo ryenda gusenyuka ?

*N.E. : Ntabwo ari byo kuko ishuri ni iry'ababyeyi. Beneryo barikomeyeho, barikurikiranira hafi cyane. Ishuri rimaze imyaka ine kandi nta mpu-ngenge mbona (ubwo Ndayambaje ye-rekanye imizamukire y'ishuri mu bwubatsi.)*

IJAMBO : Ese kuki mudashyiraho umuyobozi ?

*N.E. : Ryatangiranye na Diregiteri UWIMANA Antoine, amaze igi-hembwe ahita ajya kwiga. Minisiteri itwoherereza undi, mu kanya gato Perezidansi iramutwara, undi wa ga-tatu Mininter iramutwara, uwa kane w'uyu mwaka Mineprisec yari ya-twemereye n'ubu aracyategerejwe. Hagati aho ishuri rigenda neza ariko ntakitakozwe kugira ngo tubone Dire-giteri. Nabyo mwabibaza neza Dr. Straton.*

IJAMBO : Ikibazo cy'umukobwa watewe inda na Préfet des Etudes kimeze gite ?

*N.E. : Ni urubwa nka ruriya rwo maze gusobanura. Hari abantu b*

*shaka gusenya ibintu, bakoresheje gusebanya.*

Umwanzuro

Duhereye ku by'amashuri, twibaza niba utuzu twubatswe duhwanye na miriyoni zirenga 20 ishuri ryinjije. Ibyo tuzabikorera igenzura, ari uko tubifashijwemo na ba SEBARINDA J. Baptiste, TWAGIRUMUKIZA Marc, bamwe mu bashinzwe kugenzura umutungo w'umuryango w'ababyeyi (APAME).

Naho guha umuntu 10.000 FRW kandi ashinzwe indi mirimo kandi dushobora kubyongeraho ibindi 10.000 FRW tugahemba umuyobozi ukorera ishuri buri gihe, ni ukubara nabi. Ikosa ariko si irya NDAYAMBAJE kuko ibyo byose byerekeranye n'ishuri bireba Dr. Straton Sabumukunzi uhagarariye umuryango. Uwo Représentant Légal twamubaza impamvu arunda mu ishuri ryacu abarimu b'abanyamaha... nkaho twe tudashoboye k... gisha.

Naho kuba NDAYAMBA... atareshyeshya amashyaka b... bigaragazwa nuko nyum... y'aho tuviriye mu Migina yag... rageje gufungisha BARAHIR... Fréderic uhagarariye Parti L... béral muri iyo komini. Cyeret... rero haba hari ibibazo byihar... hagati ya BARAHIRA n... NDAYAMBAJE!

*HANGIMANA Fr. Xav...*

## Risiti y'abacuruzi b'i Kigali bemeye kuniga demokarasi batanga amafaranga muri M.R.N.D. yo gushyigikira inkoramaraso ziyise INTERAHAMWE za Muvoma.

*Gereranya iyi lisiti n'iy'abashi[illegible]. [illegible]. Turabashimira kuba barabitumenyesheje.*

No Amazina

01.KABUGA Félicien ; Perezida
02.MUNYANSHONGORE Charle
Visi Perezida
03.RUBANGURA Védaste
04.NTAMUSHOBORA Fidèle
05.MUNYEMANA Emile
06.RUZINDANA Célestin
07.MUTAGANDA Fidèle
08.MIRONKO François Xavier
09.LUDOVI Augustin
10.B.C.R.
11.BACAR
12.B.K.
13.Union des Banque Populaires
14.BIREKERAHO Gérvais
15.BIZUMUREMYI Pascal
16.
17.KAPITENI Joseph
18.SEBURIKOKO Fidèle
19.RUTERANA Ananie
20.MUKANIWA Déo
21.LIBANJE Alphonse
22.RUTAGARAMA Boniface
23.GASANA Eugène
24.Mme NYIRAKABOGA
25.MUNYAMPETA Gaspard
26.MANIRAGUHA Jacques
27.
28.
29.KAYOMBYA Robert
30.MUGWANEZA Jean Huss
31.RUBANGURA Uzzier
32.RUZINDANA Jérémie
33.RUZINDANA Obed
34.RUBASHA Hérmogène
35.NGIRABATWARE François
36.NKUNDABATWARE Venar
37.KAGABO François
38.MYASIRO Mathias
39.KAYIJUKA Thassien
40.RWABUKUMBA Séraphin
41.MUTABARUKA Pascal
42.NSANZUMUHIRE Alexis
43.UKWIZAGIRA Gaspard
44.GASHABIZI Gérard
45.GASASIRA Seleman
46.GAKARAMA Juvénal
47.RUBADUKA Thélésphore
48.KALIMUNDA Gérard
49.DUKUZUMUREMYI Pasteur
50.MBYARIYEHE Gabriel
51.MUJYARUGAMBA Athanase
52.RUTAGANDA Géorges
53.NDAMIYE Claude
54.NKUNDIYEZE Aloys
55.
56.RUCOGOZA Alphonse
57.NZABARINDA François Xavier
58.RUTIKANGA Claver
59.MAKUZA (RWANDA FOAM)
60.MURENZI Jean
61
62.KAMANA Claver
63.RUSIRARE Jacques

N.B. : – Inama yo gushinga iryo shyirahamw... yateranye le 31/01/92 kuwa gatan...
– Imigambi yayo tuzajya tuyibagezah...

Umusomyi w'IJAMBO,
KIGALI.

**Urashaka kwishyirira telephone iwawe udahenzwe? Nyarukira hahandi hasanzwe habarizwa ibikoresho hafi ya byose byerekeranye na telephone, wigurireyo na za manchons ubu zagabanyijwe ibiciro. Si ahandi ni kwa MUKEKA Edouard imbere ya T. 2000**

# Declaration sur les massacres de la la Population du Bugesera



D'autre part, les réactions des autorités locales et préfectorales face à ces événements tragiques ont été lourdes de signification. En effet, le Bourgmestre de KANZENZE, Monsieur RWAMBUKA Fidèle et le Sous-Préfet de KANAZI, Monsieur SEKAGINA, le 1er Substitut NDIMUBANZI Déo et l'agent du Service Central de Renseignement (S.C.R.) affecté à KANZENZE dont l'activisme dans ces massacres ne sont plus à démontrer, ont tout fait pour refouler loin des paroisses ces populations en détresse et ce malgré le danger de mort toujours réel. Malgré la mobilisation des autorités et des forces de l'ordre dans la région, les pillages, les incendies et les massacres se poursuivent toujours.

De la même manière, la coupure des moyens de communications téléphoniques et celle de l'eau de robinet pour décourager les hôtes de cette population en détresse, le refus des autorités à cette population de trouver refuge dans d'autres régions du pays, prouvent à suffisance l'existence d'une volonté réelle et délirérée d'isoler la région de BUGESERA du reste du pays et du monde. Ainsi, le plan d'extermination de ces populations innocentes, à l'instar des BAGOGWE au Nord du pays, devait suivre immanquablement son cours dans le pays.

Aussi, malgré l'envoi, en date du 6 mars 1992, des renforts militaires de KIGALI sous la pression des représentants des missions diplomatiques, nous avons de sérieuses inquiétudes sur la réelle volonté de mettre fin à cette tragédie. Survenant après KIBILIRA, MUTARA, NASHO, BIGOGWE et MURAMBI, ces massacres de BUGESERA apparaissent en définitive être le résultat d'une stratégie visant à mettre le pays à feu et à sang, par l'immolation d'une population, pour des fins politiques inavouées.

Nous condamnons avec la plus grande énergie ce programme ignoble, ses commanditaires, ses auteurs et complices.

Nous désapprouvons plus particulièrement la diffusion de faux communiqués et autres tracts par la RADIO NATIONALE qui se fait ainsi le relais efficace des fascistes de ce pays et qui, partant, se rend co-responsable de pertes de vies humaines par ses appels à la haine et à la division interethniques.

Nous saluons la mémoire de ces victimes innocentes et adressons nos sincères condoléances aux familles éprouvées.

Suite d'IJAMBO N° 40

Nous demandons à l'opinion nationale et internationale, aux organismes humanitaires et des droits de l'homme rwandais et étrangers et à toutes les autres personnes éprises de démocratie, de paix et de justice à dénoncer et à condamner avec nous ces actes de barbarie et leurs auteurs.

Nous supplions ces mêmes personnes, groupes et organismes de nous aider à secourir le plus urgement possible, moralement mais surtout matériellement, ces populations en détresse de BUGESERA.

## CONCLUSION.

Nous demandons respectueusement au Président de la République:

- d'user de ses compétences pour démettre d'office les autorités locales ci-haut citées dont l'activisme dans l'éxecution de ce plan machiavélique a été prouvé;
- de suivre de près l'évolution de la situation auprès des instances judiciaires pour que les responsables de ces exactions soient réprimés;
- d'entamer une action urgente pour amener la presse officielle à son devoir d'éducation de la masse et non aux démarches d'attiser la violence à caractère ethnique et partisane;
- de démettre immédiatement, le Directeur de l'ORINFOR en la personne de NAHIMANA Ferdinand pour sa complicité évidente dans la campagne médiatique fasciste et partisane ayant déclenché les violences au BUGESERA;
- d'autoriser d'urgence une enquête internationale indépendante pour dégager d'une façon impartiale la véracité des faits et les responsabilités qui en découlent.

Kigali, le 10 Mars 1992

Les signataires:

A.D.L.

LICHREDOR

A.R.D.HO.

KANYARWANDA a.s.b.l.

A.V.P.